REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTABERA

Po Box 160 KIGALI

**Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta asoza amahugurwa y'Abanyamakuru**

**Kigali, ku wa 8 Kamena 2018**

- Bwana Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Itangazamakuru;
- Bwana Umuyobozi w'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura;
- Bwana Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru;
- Bayobozi b'ibitangazamakuru muri hano;
- Banyamakuru mwese;

Mbanje kubaramutsa,

Mbere na mbere reka mbanze gushimira Abanditsi Bakuru b'ibitangazamakuru mwitabiriye ubutumire bwacu mukigomwa izindi nshingano mufite ziremereye, mukitabira amahugurwa twabateguriye.

Aya mahugurwa twayateguye mu rwego rwo kubongerera ubumenyi bw'ibanze mu bijyanye n'ubutabera, by'umwihariko mu birebana n'imikorere y'inzego z'Ubutabera, uko amategeko akorwa, akamaro kayo

mu iterambere ry'Igihugu n'ibindi. Kubana namwe muri aka kanya ni iby'agaciro gakomeye.
Reka nshimire kandi namwe bayobozi batandukanye mwitabiriye uyu muhango wo gusoza aya mahugurwa. Iteka twishimira ubufatanye bwanyu mu gusangiza Abanyarwanda amakuru arebana n'amategeko;
Twishimira uburyo mutubera imboni mukatumenyesha ahari ibibazo birebana n'ubutabera, bityo tukaboneraho gukosora ibidatunganye. Umurimo mukorera Abanyarwanda mubagezaho amakuru atuma ubuzima bwabo bwa buri munsi burushaho kuba bwiza ni uw'agaciro turawushima cyane!

***Bayobozi muteraniye aha,***
***Banditsi Bakuru,***

Minisiteri y'Ubutabera nk'urwego rufite inshingano yo gufasha abaturage kumenya no gusobanukirwa amategeko, uburenganzira bwabo ndetse n'ibindi bikorwa bakorerwa bijyanye n'ubutabera isanga iyi ntego itayigeraho hatabayeho ubufatanye n'itangazamakuru, hatabayeho kandi kugira imyumvire imwe ku itangwa rya serivisi z'ubutabera.
Uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'Ubutabera ni ingenzi. Ni yo mpamvu abakora umwuga w'itangazamakuru cyane cyane abakunze gukora inkuru zirebana n'ubutabera baba bakeneye amahugurwa abafasha kugira ubumenyi bw'ibanze ku butabera.

Dutekereza aya mahugurwa, twari tumaze kubona ko bamwe mu banyamakuru batangaza inkuru z'ubutabera zigaragaza ubumenyi buke mu

mategeko ndetse zinashobora guteza ikibazo abaturage. Umunyamakuru ukora inkuru irebana n'Ubutabera, yakabaye afite nibura ubumenyi bw'ibanze

- ✓ ku miterere y'Inzego z'Ubutabera,
- ✓ imvugo ikoreshwa mu butabera ndetse
- ✓ n'imikorere n'imikoranire by'izo nzego kugira ngo abo agenera inkuru nabo ibagirire akamaro kuko bene izo nkuru zikora ku buzima n'imibanire by'abantu.

Kuba twaratekereje guhugura abanditsi bakuru b'ibitangazamakuru, ni uko twumvaga ko ari mwe muhagarariye abanyamakuru bagenzi banyu, kuko mu nshingano zanyu harimo no gukosora inkuru mbere y'uko zitangazwa, akaba nta nkuru n'imwe yasohoka mutabigizemo uruhare.

Aya mahugurwa twifuza ko yagera no ku bandi banyamakuru ku buryo twazagera ku ntego twihaye y'uko buri munyamakuru agira ubumenyi bw'ibanze mu by'ingenzi byubatse ubutabera bw'u Rwanda.

Mu masomo mwahuguwemo harimo Imiterere n'ububasha by'Inkiko mu Rwanda, inshamake ku miburanishirize y'Imanza z'inshinjabyaha n'iz'imbonezamubano, irangizwa ry'imanza mu mategeko y'u Rwanda ndetse n'uko amategeko akorwa n'akamaro kayo mu iterambere ry'Igihugu.

Nk'uko mwabibwiwe aya mategeko mwahuguwemo asohotse vuba, akaba rero akenewe kumenyeshwa abanyarwanda.

*Bayobozi muteraniye aha,*

*Banditsi Bakuru*,

Uruhare rwanyu mu kubaka umunyarwanda uzi Uburenganzira bwe, akamenya ibyo Igihugu kimutegerejeho nk'inshingano ni ntageranywa.

Mukomeze mukore umurimo unoze, mudukebure aho biri ngombwa, mutange amakuru akenewe bityo mwuzuze inshingano yo kuba abavugizi b'abaturage bitume natwe dukomeza kubaka Ubutabera bw'u Rwanda.

Ndahamya ntashidikanya ko itsinda ryabahuguye ryabahaye ibikenewe byiyongera ku byo mwari musanganywe, cyane ko amategeko ari menshi nta n'uwavuga ko ayazi yose ariko nibura iby'ibanze kuri yo byafasha umuturage tuzakomeza gufatanya kubimugezaho mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Aya mahugurwa muhawe, si aya nyuma tuzakomeza gufatanya kureba ahari icyuho mu mitangire y'amakuru y'ubutabera turebere hamwe uko byitabwaho.

Sinasoza ntongeye kubashimira ku mikoranire yanyu natwe, turabahamagara kenshi gashoboka ntimudutenguha ndetse ntimutwinubira, ibyo byose ni ibitugaragariza ko mwasobanukiwe uburemere bw'ubutabera ku muryango nyarwanda. Ndabashimiye ubwitabire bwanyu n'ibitekerezo mwatanze, mbonereho no gusaba buri wese wajya abona ahakeneye kongerwa ingufu, kugira ngo inshingano twese dufitiye abaturage tuzigereho ko yajya adusanga akatubwira, amarembo yacu ahora akinguye!

Mugire umugoroba mwiza!